# INYANDIKO YA POLITIKI NGENDERWAHO YA MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE (MIJESCAFOP)

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

## I. MURI RUSANGE

### I. 1. IRIBURIRO

Iterambere ry'igihugu icyo ari cyo cyose rishingiye ku mbaraga z'abagituye cyane cyane, iz'urubyiruko rushoboye ibikorwa. Ibyo bigaragara cyane mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere aho urubyiruko arirwo rwinshi mu banyagihugu. Gushyira hamwe izo mbaraga zigakoreshwa, niyo nkingi y'amajyambere.
Mu Rwanda urubyiruko ni rwo rugize umubare munini w'abaturage; ubushobozi bwarwo buhawe agaciro bwateza imbere igihugu cyacu. Abategetsi bakuru b'igihugu n'abanyapolitiki bumvise ko ari ngombwa gushyira hamwe izo mbaraga zikenewe mu bikorwa by'amajyambere. Ni muri urwo rwego MIJESCAFOP yerekeza ibikorwa byayo byose mu guha agaciro izo mbaraga. Ibyo ibikora mu nyigisho zayo z'ibanze mu kwigisha imyuga, kwita ku rubyiruko rutozwa ibikorwa byinshi byongera umusaruro.

Kugira ngo MIJESCAFOP igera kur'iyo ntego y'ibihugu byose, yahawe ubuyobozi butanu bugamije bwose kwongera agaciro k'izo mbaraga. Ubwo Buyobozi ni ubu :

- Ubuyobozi bw'Urubyiruko bugamije gushyira hamwe urubyiruko, kurwitaho bijyanye n'uko rukenewe mu majyambere y'igihugu.
- Ubuyobozi bwa Siporo bugamije guteza imbere ibikorwa bya Siporo. Ibyo bikorwa bifasha guha agaciro izo mbaraga mu gihe siporo yongera ubwenge n'ubuzima bwiza bw'umubiri kandi igashimangira ugushyira hamwe n'ubwumvikane hagati y'abantu
- Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni bushingiye kwita ku gicumbi cy'umuco nyarwanda, kuwuhesha agaciro, kwamamaza ibyiza byose biwukubiyemo, ari na ko buhuza umuco wacu n'ibihe ugezemo. Ubwo Buyobozi kandi bwahawe inshingano yo gushyingura mu cyubahiro inzirakarengane zazize itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu w'1994. Bushinzwe na none kwubakisha no kwubahiriza inzibutso z'iryo tsembabwoko n'itsembatsemba.
- Ubuyobozi bw'Imyuga Iciriritse bwigisha imyuga kugira ngo urubyiruko rushobore kubaho mu buzima bwiza kandi ngo rubane neza n'abandi, rugirire n'igihugu akamaro.
- Ubuyobozi bw'Ibikorwa Rusange bushinzwe guhuza ibikorwa by'ubwo Buyobozi bwose.

## 1.2. Uko ibintu byifashe mu mibereho na politiki byo mu Rwanda

Kuva mu bukoronize bw'abazungu kugera kuri Repubulika ya mbere no ku ya kabiri, u Rwanda rwagiye rugira amateka yo gusenya bitewe n'abazungu mu ruhande rumwe, mu rundi ruhande bigaterwa n'abategetsi kavukire. Imibereho na politiki y'ubu biva ku itsembabwoko ryasenye igihugu cyacu. Itsembabwoko ryatewe n'ibi bikurikira :

- Uguta umuco kw'abanyarwanda;
- Politiki y'amoko muri politiki y'igihugu no mu mategeko yacyo kuva ku butegetsi bw'abazungu;
- Ikibazo cy'amoko cyabaye ishyano;
- Kubeshya no kudahana abicanyi byabaye nk'ihame;
- Kutita no gusuzugura ku mugaragaro ikibazo cy'impunzi z'abanyarwanda;
- Kutita ku kibazo cy'abanyarwanda cyangwa gufasha abanyarwanda badutobera igihugu;
- Ibikorwa bibi bya bamwe mu bahagarariye Kiliziya mu Rwanda;
- Ingirwa-ntiti zagiye zigisha amacakubiri;
- Kudakunda igihugu kw'abanyarwanda;
- Kwanga gusaranganya ubutegetsi.

Nta wakwirirwa asubiramo ko ibyo byose byatumye igihugu kigera mu mahano atagira urugero y'itsembabwoko. Ibikorwa n'inkurikizi by'ayo mahano byagize ingaruka mbi ku rubyiruko, ku bikorwa by'ibanze ku bikoresho, mbese ku bikorwa by'amajyambere muri rusange.

Ibyerekeye ibyiciro by'urubyiruko ruri mu Rwanda tubonamo ibice bitatu :

1. Urubyiruko rufite ikosa rwishe ku bwarwo cyangwa rwatojwe kwica. Urwo rubyiruko rwari mu gihugu hagati, rufite ubwoba cyangwa ntirutinyuka kujya hamwe n'abandi;
2. Urubyiruko rwarokotse rukaba rwarahahamutse kubera amahano yabaye;
3. Urubyiruko rwinshi ruvuye mu buhungiro rwatoye imico idahuje, rurimo bamwe bashaka uburyo bwo kubaka igihugu, abandi bagihuzagurika.

Uretse ibyo bibazo, muri rusange, urubyiruko rw'ubu nta mico yo gukunda igihugu rufite, bitewe n'uko nta gaciro k'umuco rufite ngo rwubake igihugu mu mahoro no mu bumwe. Gushyira urubyiruko mu bikorwa by'amajyambere by'ubukungu n'imibereho y'abaturage bizashoboka igihe ibikorwa bishingiye mu kurimbura imigenzo mibi yatumye igihugu kigwa mu mahano, abantu bagahugukira imigenzo myiza y'amahoro, ubwiyunge n'ubumwe kugirango igihugu cyubakwe. Umugambi wo guhuriza urubyiruko hamwe mu ngando zo gufashanya ugamije gukundisha urubyiruko igihugu cyarwo rukanahugukira ku gisana no kucyubaka.

**2.3. Amateka :**

Minisiteri y'Urubyiruko ntiyatangiriye igihe igihugu cyabonye ubwigenge nk'uko izindi Minisiteri zahereye ko zitangira.
Minisiteri y'Umuryango n'Amajyambere yari ifite urubyiruko mu nshingano zayo, yashyizeho Ibiro byita k'urubyiruko muri Nyakanga 1967. Ibiro byari bifite mu nshingano zabyo kwiga ibibazo by'urubyiruko no kubishakira ibisubizo bikwiye. Muri 1971 ibiro by'urubyiruko byahindutse Ubuyobozi Bukuru bw'Urubyiruko na Siporo. Ku itariki ya 4 Gashyantare 1972 hashinzwe Ibiro by'Ubunyamabanga bya Leta mu Rubyiruko na Siporo byari bifite inshingano zo gushyiraho inzego zimwe ziga iby'urubyiruko. Minisiteri y'Urubyiruko na Siporo yashyizweho tariki ya 1/8/1973. Yari ifite imboneza nzego (Organigramme) yigenga kubyerekeranye n'urubyiruko. Harimo urwego rw'Ubuyobozi Rusange, urw'Ubuyobozi, Amashami atatu na Biro enye. Muw'1984 hashyizweho Minisiteri y'Urubyiruko n'Amakoperative. Muw'1989 iyo Minisiteri yahindutsemo Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe. Muw'1997 iyo Minisiteri yahindutsemo Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

## II. Politiki Ngenderwaho

### II.1. Inshingano zahawe Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

1. Kwiga uburyo no gushyiraho ibyemezo bigamije gufasha urubyiruko rutagize amahirwe yo kujya mw'ishuri cyangwa rutayarangije, kwirwanaho rukagirira n'igihugu akamaro.
2. Gusubiramo no guteza imbere imyigishirize y'imyuga iciriritse igenewe urubyiruko n'abandi banyarwanda batize cyangwa batarangije amashuri.
3. Gushyira hamwe gahunda zo gushyingura mu cyubahiro ibisigazwa by'abazize itsembabwoko n'itsembatsemba, kwubaka no kwubahiriza amazu y'urwibutso rw,ayo mahano.
4. Gufata ingamba z'ingirakamaro zatuma buri munyarwanda akora siporo yihitiyemo.
5. Kwiga uburyo yatera imbere mu rwego ruhanitse ikaba n'umwuga watunga nyirukuyikora.
6. Gusesengura ibice byose bigize umuco nyarwanda, kubihuza n'igihe tugezemo no kubyubahiriza.

## II. 2. Inzego z'Ubuyobozi muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

### II. 1.2. Ubuyobozi bw'Urubyiruko

#### a) Ibibazo by'urubyiruko

Urubyiruko rw'u Rwanda ni rwinshi kandi rufite ibibazo byinshi. Ibyo bibazo biva cyane cyane kuri ibi bikurikira :

- Kubura uburere kamere
- Ubujiji
- Ubumenyi budashingiye ku bikenewe mu gihugu
- Ihezwa ku mutungo kamere nk'amasambu n'ibindi
- Kuba imburamukoro
- Ikindi kandi nuko kuva igihe ubukoroni butangiriye urubyiruko rw'u Rwanda rwataye umuco wa Kinyarwanda, ntirwigeze rutera imbere mu butunzi bwarwo, rwabaye igikoresho cy'abigishije amacakubiri mu murongo wa politiki
- Gukumirwa mu nzego zose zifatirwamo ibyemezo.

#### b) Intego

- Kugarurira urubyiruko umuco n'uburere mbonera gihugu bushingiye k'umuco wacu mwiza
- Gushyira urubyiruko mu buzima busanzwe bw'igihugu
- Gushimangira inzego z'ubuyobozi bw'urubyiruko
- Gushyigikira ibikorwa by'urubyiruko bigamije kongera uburumbuke bw'umusaruro n'imirimo
- Kubikurikirana no kumenya ibyakozwe uko bingana
- Kwigisha abayobozi b'urubyiruko ukuntu batunganya imishinga yabo
- Gushyigikira imigenderanire iri hagati y'urubyiruko ruri mu Rwanda kimwe n'urw'ibindi bihugu.

#### c) Ingamba

- Gukomeza inzego z'urubyiruko
- Gushyiraho politiki yo gusubiza abana batagira kivurira mu buzima busanzwe bw'Igihugu
- Kwinjiza urubyiruko mu mushinga w'Igihugu « Ubwiyunge n'Ubumwe bw'Abanyarwanda »
- Guteza imbere ikoranabuhanga mu mashyirahamwe y'urubyiruko agamije kuba koperative
- Korohereza urubyiruko kubona inguzanyo zo kwikorera imishinga
- Gushyiraho inzego z'urubyiruko kuva kuri Selire kugeza ku rwego rw'Igihugu.

d) **Ibikorwa**

- Gushyiraho gahunda yo kwigisha umuco n'uburere mbonera gihugu ishingiye k'umuco wacu mwiza
- Gushyiraho gahunda y'inyigisho zigamije kwigisha ubuhanga bwo gukora no kuyobora imishinga ku bayobozi b'urubyiruko n'abashoboye gukora imishinga
- Gukomeza gahunda yo gushyiraho inama nkuru y'urubyiruko
- Gushyiraho amategeko agenga amshyirahamwe y'urubyiruko agamije kuba Koperative
- Kubaka amazu y'imurika-gurisha y'ibikorwa by'urubyiruko.

## II. 2.2. Ubuyobozi bwa Siporo

a) **Ibibazo bidindiza iterambere rya siporo**

Guteza imbere siporo bihura n'ibibazo byinshi. Dushobora kubivuga mu magambo make :

- Ihindagurika ry'imibereho y'abanyarwanda ryatumye umuco uhinduka.
- Imikino ya gihanga iragenda izima.
- Kwidagadura mu buryo bwa kijyambere nabyo ntibyagezweho.
- Kutamenya akamaro ka Siporo mu buzima bw'umuntu cyangwa bw'abantu benshi byatumye abantu batamenya uko bakoresha igihe cyabo igihe batari ku kazi.
- Ubushobozi buke bw'umuntu umwe cyangwa bw'abantu benshi byatumye gukora siporo bigabanuka. Kubera ubwo bushobozi buke ku bantu benshi, ibikoresho bya siporo n'aho bayikorera byaragabanutse. Siporo yo mu rwego ruhanitse nayo ntiyateye imbere.
- Ibiganiro kuri radiyo no kuri televiziyo byerekeranye no gukangurira abantu gukunda siporo ntibihagije kugirango abantu bamenye akamaro kayo n'inyungu bayikuramo.
- Abigisha siporo si benshi kubera amahano yo muri 1994 yatumye abayobozi bamwe bicwa abandi bagahunga.

b) **Intego**

- Guteza imbere no kwita ku buzima bw'umubiri n'ubw'umutima by'urubyiruko by'umwihariko, no ku banyagihugu bose muri rusange.
- Guteza imbere ibikorwa bya siporo no kwidagadura kugirango urubyiruko rurusheho kumererwa neza.
- Gukomeza umubano, ubwumvikane n'ubumwe hakoreshejwe siporo

c) **Ingamba**

- Gushyiraho Komite zo kwita kuri siporo mu turere twose tw'u Rwanda
- Kongera ahakorerwa siporo mu bice byose by'igihugu
- Guhesha agaciro siporo n'imikino gakondo
- Kumvisha abaturage akamaro ka siporo n'ibihe byo kwidagadura kugirango babikoreshe neza mu gihe badafite icyo bakora

- Kubaka ibintu byorohereza gukora siporo muri rusange no mu rwego ruhanitse
- Gushyigikira kurushanwa kw'amakipe mu gihugu
- Gukangurira abakinnyi guhura n'andi makipe yo mu bindi bihugu
- Gushyiraho amategeko agenga imikino.

d) **Ibikorwa**

- Gufasha amashyirahamwe kwishyiriraho impuzamashyirahamwe mu mikino itarayagira
- Kwigisha abakozi b'abahanga mu nzego zose no mu ma siporo yose
- Gushyiraho ishuri ryigisha n'iry'ubushakashatsi mu bya siporo
- Gushyiraho amarushanwa y'amakipe mu nzego zose no kubanyagihugu bose
- Gushyiraho komite za siporo no kwidagadura n'abahanga bahagije mu makomini no mu maperefegitura.
- Kubarura, gushyiraho amategeko no gukwiza siporo, imikino no kwidagadura bya gakondo

**II. 2.3. Ubuyobozi bw'umuco**

a) **Ikibazo cy'umuco mu Rwanda**

Umuco ni urwunge rugizwe n'ibitekerezo-hame, inzego n'ibimenyetso dukomora ku bakurambere. Umuco kandi ni intera ihora igerwaho, ivuka ku myivugururire y'umuco, bivuye ku mpinduramatwara no guhuza n'amahanga. Umuco ugira inshingano eshatu : guha byose ireme ukabibera iremezo, kwubaka no guhanga.

Itsembabwoko n'itsembatsemba byabaye mu Rwanda kuva mu kwezi kwa Mata kugeza mu kwa Nyakanga 1994 ni ingaruka y'itsembamuco. Aho kuba uburezi, bugeza ku burere ari bwo muco, aho kuba uburezi burimbura ubucucu, aho kuba uburezi mboneragihugu, habaye uburezi buyobya imbaga y'Abanyarwanda, bugamije nkana icuraburindi, kuva abakoloni bagera mu gihugu kugeza kuri Repubulika ya Kabiri. Ubutegetsi bwateye amacakubiri, kuvangura abanyarwanda, bushingiye ku moko n'uturere. Byageze aho bitera intambara, ikurikirwa n'itsembabwoko n'itsembatsemba.

Umuco si wo wahaye ireme politiki n'ibikorwa byayo. Umuco si wo wabibereye iremezo. Ari umuntu ku giti cye, ari n'imbaga yose y'abanyarwanda, iburamuco nta we ritagaragariye. Imibanire y'abantu yarahazahariye. Nuko umunyarwanda aba nyamwigendaho, umubano mu bantu usimburwa no gukunda ibintu, nk'amafaranga, naho kubana, gusabana, twigishwaga n'idini gakondo, biba umugani. Yewe n'ubukirisitu ntiburakaza bukosora imibanire yagiye ikendera, kuko butashingiye ku byahuzaga abantu mu muco wacu.

Muri rusange rero, ibitari byiza dusanga mu muco ntawabirwanije, ibiri amambu ahubwo, himakajwe umuco mushya ariko mubi.

b) **Intego**

Politiki y'umuco igomba kwiha ubu intego nshya. Leta y'Ubumwe yahaye Ubuyobozi bw'Umuco intego ebyiri z'ingenzi ari zo zizi :

1. Kwita ku gicumbi cy'umuco nyarwanda, guhesha agaciro no kwamamaza ibyiza byose biwukubiyemo, ari nako duhuza umuco nyarwanda n'ibihe ugezemo.
2. Gushyingura mu cyubahiro inzirakarengane zazize itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu 1994, kwubakisha no kwubahiriza inzibutso z'iryo tsembabwoko n'itsembatsemba.

Nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba, Ubuyobozi bw'Umuco bwari bwihaye inshingano yo kuzahura umuco,. Mw'ikubitiro hashatswe abakozi naho bakorera. Ibyo byatumye higwa imishinga rusange n'indi yihariye, yose igamije guha agaciro no guteza imbere umuco. Nibwo Ubuyobozi bw'Umuco bukanguriye Abanyarwanda ubumwe, ubutabera, amahoro, ubufatanye, ubupfura, gukunda umurimo, kwubahiriza ubuzima bw'ikiremwamuntu, uburenganzira bwa buri wese na demokarasi. Ibi kandi bijyana no kurwanya amacakubiri, yaba ay'amoko cyangwa ay'uturere, kudatera imbuto y'urwango, kurwanya ikinyoma, ubujura, n'indi mizi y'ibibi. Urwibutso rw'itsembabwoko n'itsembatsemba ruzatuma tureresha umuco, ari nako turwanya ibiwuzambya byose.

Ni muri urwo rwego politiki ndangamuco izashingira ku matwara mashya. Kwimakaza umuco w'amahoro, umurage ndangamuco n'ubuhanzi ni byo shingiro ry'amerekezo y'umuco nyakuri, waba uwacu, waba n'uw'inyokomuntu muri rusange. Umuco ni wo musemburo w'ubuzima, bwaba ubw'umuntu ku giti cye, bwaba ubw'imbaga iyi n'iyi, mu bukungu, mw'ikoranabuhanga, haba no muri politiki. Imigabo n'imigambi yose ya Leta y'u Rwanda mu rwego rw'amajyambere izahabwa ireme n'umuco.

Niramuka Leta yihariye iryo hame ho ingamba, mu nzego zinyuranye z'amajyambere, ikageza abantu ku murimo, ubuhanga n'ikoranabuhanga, nta washidikanya ko intego y'ingenzi izaba igezweho ari yo y'amahoro ashyira kera n'amajyambere arambye.

Kugira ngo iyo ntego igerweho, inshingano eshatu zibaye ngombwa :

1. Kwimakaza umuco w'amahoro
2. Kubyaza umusaruro umurage ndangamuco-ndangamateka w'u Rwanda
3. Kwimakaza ubuhanzi.

Izi nshingano ubwazo zizagerwaho ari uko hafashwe ingamba zihamye.

c) **Ingamba :**

### 1) Ingamba zerekeranye n'inshingano yo kwimakaza umuco w'amahoro

Ingamba eshanu z'ingenzi :

1. Kwiga insobanuro n'imbonezamikorere y'urwibutso rw'itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu 1994, ari nako twigisha amahoro, uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ubworoherane, demokarasi n'ubusabane. Insobanuro, imbonezamikorere n'inyigisho bizanyura mu miyoboro y'inzego z,amashuri ahoraho, n'izindi nzego zikora bitari buri gihe.
2. Gufatanya n'izindi nzego kurwanya ironda iryo ari ryo ryose.
3. Gufatanya n'izindi nzego na none bireba, twiga demokarasi iboneye mu Rwanda, nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba.
4. Kwimakaza ubwuzuzanye bw'imyihariko ndangamuco mu Rwanda
5. Kugira uruhare mw'izitiramakimbirane, gufatanya n'izindi nzego gukemura mu mahoro amakimbirane, no gushimangira amahoro nyuma y'amakimbirane.

### 2) Ingamba zerekeranye n'inshingano yo kubyaza umusaruro umurage ndangamuco-ndangamateka w'u Rwanda

1. Kwamamaza ihame ry'uko umuco ari wo uha ireme amajyambere, mu nzego zayo zose. Kugaragaza ko amajyambere adashingiye ku muco ari ntayo aba ariho
2. Guhamagarira rubanda gutanga no kungurana ibitekerezo byabo ku muco, ibitekerezo ku muco ntibibe umwihariko w'intiti n'inzego z'ubushakashatsi gusa.
3. Guha kimwe agaciro k'umurage kamere ufatika (patrimoine physique, tangible) n'umurage ndangamuco udafatika (patrimoine non physique, intangible).
4. Kurinda umurage ndangamuco, ari nako tubarura ibiwukubiyemo byose.
5. Gucunga neza umurage w'ibitabo, w'ibihangano, inzibutso ndangamateka n'izifasha abashakashatsi.
6. Gufatanya n'inzego mpuzamahanga n'izo mu gihugu zishinzwe umuco.
7. Kubyaza umusaruro umurage kamere n'umurage ndangamuco mu rwego rw'ubukerarugendo, byatanga umurimo n'amikoro.
8. Gukangurira Leta gufata ibyemezo byerekeranye n'amategeko, ubuyobozi, ubuhuguke, n'amikoro bikenewe kugira ngo umurage ucungwe neza.
9. Gushakisha inzego z'amategeko mpuzamahanga zatuma haba ubutwererane n'ubufatanye hagashyirwaho amabwiriza, hagahanahanwa amakuru, hakaba amahugurwa y'abakozi, ubutwererane mu buhuguke, bikaramira umurage ndangamuco wenda kurigita, cyangwa wenda gucika.
10. Guteza imbere ubushobozi mu rwego ruzitira n'ururamira impanuka k'umurage.
11. Kurwanya ubujura n'ubuhashyi butemewe n'amategeko bw'ibirangamuco nyarwanda. Hagashyirwaho amategeko, hanahugurwa abakozi muri uru rwego (abakozi ba gasutamo, abapolisi, abacungamurage b'ibigo ndangamurage, ubutwererane na INTERPOL).
12. Gushinga politiki nshya y'Ingoro Ndangamurage. Maze Ingoro Ndangamurage ikaba ahantu higishirizwa amahoro, ihuriro ry'aho rubanda ikangurirwa umurage, Ingoro Ndangamurage ikaba kandi igikoresho cy'ubukerarugendo. Ingoro Ndangamurage y'u

Rwanda ntigomba kuba ihuriro ryihariwe n'intiti, cyangwa ubushyinguramurage gusa. Igomba kwiha gahunda y'uburezi bunyuranye, igashaka inshuti mu butwererane n'ubufatanye n'izindi nzego ndangamurage.

13. Gukangurira rubanda kwirindira umurage kamere n'umurage ndangamuco, hakoreshejwe ikoranabuhanga gakondo, kimwe n'ikoranabuhanga rigezweho.
14. Kwita ku buryo bw'umwihariko ku murage kamere udafatika : duteza imbere ururimi rw'ikinyarwanda, mu nzego zose z'igihugu, duteza imbere uruhererekane-mvugo rwa karande (Tradition) n'imigenzo myiza.
15. Gushinga INTEKO NYARWANDA Y'UMUCO

### 3) <u>Ingamba zerekeranye n'inshingano yo kwimakaza ubuhanzi</u>

1. Guha umwanya uboneye ibirangamuco binyuranye. Urugero : Ibitabo, kaseti, senema, inzu y'imbikabitabo, ubushinguranyandiko n'ibindi nk'ibigo ndangamuco.
2. Gukangurira abanyarwanda ikoranabuhanga rigezweho mw'itangazamakuru n'itumanaho (multimédia)
3. Guha umuco ireme duhangira kuri gakondo.
4. Gukangukira imishyikirano mpuzamico ituma turahura inganzo ihanga bushya.
5. Guha abahanzi bacu ubushobozi bwo kwongera umusaruro no gusakaza ibihangano byabo.
6. Amategeko agenga uburenganzira bw'umuhanzi. Kurinda abahanzi kugira ngo umusaruro wabo wiyongere. Amategeko agenga inzego ndangamuco no gusakaza ibirangamuco byazo.
7. Kwigisha no guhugura abahanzi.
8. Kuzahura ubuvanganzo n'ubugeni.

**<u>Icyitonderwa</u> : INGAMBA ZIDASANZWE**

Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni buzita by'umwihariko ku rubyiruko, abari n'abategarugori kubera ko imyumvire yabo yivugurura vuba no kubera ko bashyikirana byihariye. Amikoro azongerwa muri uru rwego. Hazanashakwa abakozi b'abari n'abategarugori kuko ari bo bumva vuba ibibazo bya bagenzi babo. Ni no muri ubwo buryo urubyiruko ruzitabwaho. Imishinga, ibikorwa na za gahunda zizibuka iyo ngingo. Abahanzi bakiri bato, abahanzi b'abari n'ab'abategarugori bazitabwaho na none byihariye. Hazifashishwa imbyino, ikinamico n'ibindi maze urubyiruko, abari n'abategarugori bakangurirwe uburenganzira n'inshingano byabo. Hazitabwaho kandi byihariye imiryango itegamiye Leta, abanyamakuru, abantu basheshe akanguhe, abatishoboye, kugira ngo nabo batange inkunga yabo mu rwego ndangamuco.

Mu ngamba zidasanzwe, twongereho izi zikurikira :

1. Gusaba Leta amikoro ahagije kugira ngo umuco uhe koko ireme n'iremezo amajyambere. Inama Mpuzamahanga zikunze guhuriza kuri iyi ngingo : 1% cy'ingengo y'imari ya buri gihugu ku mwaka gikwiye kugenerwa umuco.
2. Kworohereza amahôro abashora imari mu mishinga ndangamuco
3. Gutekereza iteka politiki ndangamuco tureba ingaruka zayo nziza cyangwa mbi mu gihugu, no ku bihugu bindi.

4. Gusaba inzego zose z'igihugu, zaba iza Leta zaba izitegamiye Leta, gutekereza imishinga zitibagirwa guteganya muri yo uruhare rw'umuco

Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni burateganya n'ibikorwa, kugira ngo intego, inshingano n'ingamba byavuzwe bizagire icyo bigeraho. Ibyo bikorwa bizaba ibya vuba aha, ibyo mu gihe giciriritse, n'ibyo mu gihe gishyira kera.

**Ibikorwa**

**I. Ibikorwa byerekeranye n'inshingano yo kwimakaza umuco w'amahoro**

**1) Ibikorwa biteganywa mu gihe cya vuba aha**

1. Gutambutsa kuri Radiyo na Televiziyo ibiganiro byerekeranye n'umuco w'amahoro.
2. Gushyira ahagaragara cassettes ku muco w'amahoro.
3. Guhimbaza, buri wa 16 Ugushyingo w'umwaka, Umunsi Mpuzamahanga w'Ubworoherane.
4. Kwubakisha inzibutso z'itsembabwoko n'itsembatsemba byabaye kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994.
5. Amahugurwa agamije kwigisha uburyo n'Inzego gakondo byazitiraga amakimbirane, uburyo bukemura amakimbirane mu mahoro n'uburyo amahoro ashimangirwa nyuma y'amakimbirane.
6. Gushaka ifatabuguzi ku binyamateka byigisha umuco w'amahoro.
7. Gukoresha amarushanwa ku muco w'amahoro.
8. Kwumvisha abariho inshingano zabo ku bazabakomokaho.
9. Gukangurira abanyarwanda uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.
10. Kwungurana ibitekerezo ku miterere, imimerere n'imikorere ya Demokarasi.
11. Gusesengura inzira ya Demokarasi mu nzego zayo zinyuranye; politiki, ubukungu, imibereho, umuco n'ibindi.
12. Kwubakisha urwibutso rw'ubutwari bwarwanije itsembabwoko n'itsembatsemba i BISESERO ho muri KIBUYE.
13. Kwubakisha inzibutso z'itsembabwoko n'itsembatsemba muri za Perefegitura na Komini zose.
14. Kumenya Kiliziya zizagirwa inzibutso z'itsembabwoko n'itsembatsemba.

**2) Ibikorwa mu gihe giciriritse**

1. Guhindura mu kinyarwanda amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
2. Gushinga ibinyamakuru by'umuco w'amahoro
3. Gushyiraho selire z'ubworoherane muri za Perefegitura, Komini no mu nzego zinyuranye za Leta n'iz'imiryango itegamiye Leta.
4. Gushyira mu nteganyanyigisho amasomo y'umuco w'amahoro, haba mu mashuri abanza, ayisumbuye, haba no muri Kaminuza.
5. Kwubakisha i Rebero/Kigali urwibutso rw'itsembabwoko n'itsembatsemba rwo mu rwego rw'igihugu.

6. Gukora ubushakashatsi bugereranya itsembabwoko n'itsembatsemba byabaye mu Rwanda n'ubwabaye ahandi.
7. Gusuzuma imbere n'inyuma icyo inyigisho z'Umuco w'Amahoro zisigira abo zigeraho.
8. Gukangurira urubyiruko, abari n'abategarugori ubuyobozi bushingiye kuri demokarasi.

3) **Ibikorwa byo mu gihe gishyira kera**

1. Kwubakisha Ikigo kigisha Amahoro na Demokarasi.
2. Gushinga Ishami rya UNESCO ryigisha umuco w'amahoro muri Kaminuza y'u Rwanda.

Ibikorwa biteganywa mu gihe cya vuba aha, n'ibyo mu gihe giciriritse ntibizabura kubyara ibyo mu gihe gishyira kera.

## II. IBIKORWA BYEREKERANYE N'INSHINGANO YO KUBYAZA UMUSARURO UMURAGE NDANGAMUCO-NDANGAMATEKA W'U RWANDA

1) **Ibikorwa byo mu gihe cya vuba aha** :

1. Gushyiraho politiki ndangamuco
2. Kwigisha no guhugura abakangurambaga ndangamuco
3. Kumenya no gusana inzibutso ndangamateka
4. Guhimbaza buri mwaka Umunsi Mpuzamahanga witiriwe Umuco.
5. Kwandikisha ibirunga byacu mu Murage w'Isi yose (Patrimoine Mondial)
6. Kubarura abasheshakanguhe b'inararibonye z'intiti no kugira icyo tumaza umutungo ndangamuco wabo.
7. Hazateganywa amahugurwa ku bashinzwe umuco banyuranye.

2) **Ibikorwa byo mu gihe giciriritse**

1. Gushyigikira no gutera inkunga amatorero ndangamuco gakondo n'aya kijyambere mu mashuri no mu zindi nzego z'igihugu.
2. Gushyiraho imitwe y'abaririmbyi gakondo n'aya kijyambere
3. Guhugura abayobozi b'imitwe y'imikino gakondo.
4. Gutegura imurika ry'ibihangano by'abahanzi n'imyiyereko-mu myambaro gakondo.
5. Gusana ibigo ndangamuco biriho no kubakisha ibindi.
6. Amahugurwa kw'isano riri hagati y'umuco n'izindi nsanganyamatsiko.

   Urugero : Umuco n'ibidukikije, umuco n'ikoranabuhanga, n'ibindi...

7. Kugenda twumvisha abantu ko umurage atari ibya kera gusa ahubwo ko n'ibigezweho byitwa umurage, cyane cyane iyo bishingiye kuri gakondo igenda yihuza n'ibihe turimo.
8. Ifatabuguzi ku binyamateka ndangamuco by'impuguke kabuhariwe.
9. Gushyira mu murage ndangamuco bimwe mu bigezweho nk'umurage w'inganda, ubukerarugendo ndangamuco (tourisme culturel)

10. Gushora mu mishinga ndangamuco imari, iva mu bukerarugendo ndangamuco.
11. Gutuma ubukerarugendo ndangamuco budatesha agaciro umuco busanze.
12. Gutera mu bantu igitekerezo ko agaciro k'ibirangamuco karuta agaciro k'ibintu bisanzwe.
13. Kumenyekanisha akamaro k'ikoranabuhanga rigezweho mu bugeni no mu buhanzi, cyane cyane biciye mw'itumanaho (les nouvelles technologies des médias/new media technologies)

**3) <u>Ibikorwa byo mu gihe gishyira kera</u>**

1. Gukusanya, kwiga no kwamamaza uruhererekane-mvugo karande (Tradition)
2. Kwandika igitabo ndangamuco-ndangamateka cy'ubukerarugendo.
3. Gushyira ahagaragara imibare (statistiques culturelles) yerekeranye n'iby'umuco.
4. Gushyiraho Ishami rya UNESCO ryigisha ireme ndangamuco ry'amajyambere muri Kaminuza y'u Rwanda.

Ibikorwa byo gihe cya vuba aha n'ibyo mu gihe giciriritse birimo ibizabyaza ibijya kera.

## III. IBIKORWA BYEREKERANYE N'INSHINGANO YO KWIMAKAZA UBUHANZI

**1) <u>Ibikorwa biteganywa mu gihe cya vuba aha</u>**

1. Gushinga udutsinda dushinzwe gusuzuma inyandiko kugira ngo ubuvanganzo buzahurwe.
2. Gutegura buri mwaka iserukiramuco-isangano ndangamuco (Festival)
3. Gushyiraho Itorero ry'Igihugu (Ballet National)
4. Gushinga Inteko Nyarwanda y'Umuco (Académie Rwandaise de Culture)
5. Gushinga impuzamashyirahamwe y'abahanzi bo mu Rwanda
6. Guhugura mu rwego rw'itegeko rigenga ubuhanzi n'ibifitanye isano nabwo.
7. Amahugurwa ku mibereho y'umuhanzi.
8. Guhimbaza buri mwaka umunsi mpuzamahanga w'igitabo n'itegeko rigenga ubuhanzi.

**2) <u>Ibikorwa byo mu gihe giciriritse</u>**

1. Gutegura amahugurwa yerekeranye n'ubugeni n'uburenganzira bw'umuhanzi.
2. Kwubakisha Ingoro y'Umuco n'Ubugeni.
3. Kwigisha uburyo habyazwa umusaruro ubwuzuzanye ndangamuco bwavutse abanyarwanda bahoze hanze bahuye n'abagumye mu gihugu.
4. Guha inyigisho urubyiruko k'ubugeni.
5. Gufatanya n'ibigo ndangamuco.
6. Ifatabuguzi ku binyamakuru bihugukiwe mu rwego rw'ubugeni.

### 3) **Ibikorwa byo mu gihe gishyira kera**

1. Kwubakisha inzu y'iyandikiro (Maison d'édition) kugira ngo hazahurwe urwego ndangamuco rw'ubuhanzi.
2. Guhamya politiki y'imikoreshereze y'indimi zemewe n'Itegeko- Nshinga no kwiga itegeko rigenga imikoreshereze y'ikinyarwanda.
3. Kwiga umurongo inganda ndangamuco zagenderaho.
   Urugero : umurongo « Igitabo » cyagenderaho mu Rwanda.

Bimwe mu bikorwa biteganywa mu gihe cya vuba aha, n'ibyo mu giciriritse, bizabyara ibyo mu gihe gishyira kera.

## II. 2.2. Ubuyobozi bw'Imyuga Iciriritse

### a) Ibibazo bibangamiye urubyiruko

Igice kinini cy'urubyiruko rw'u Rwanda kitashoboye kwiga amashuri abanza gifite ingorane zo kumva no gusobanukirwa bihagije ikoranabuhanga ryabafasha kwongera umusaruro. Buri mwaka urubyiruko rurenze mirongo itanu ku ijana (50%) ruza ari rwinshi gusaba akazi kababeshaho ariko ugasanga nta bumenyi buhagije bwo gukora ako kazi bafite. Kuri urwo rubyiruko hiyongeraho urubyiruko rwinshi rurangije amashuri abanza rujya kwibera mu cyaro nta bushobozi bafite. Byongeye kandi, imirima urwo rubyiruko rwagombye guhinga igenda iba mike. Kugirango icyo kibazo gikemurwe hari hakwiye kwongerwa ikoranabuhanga mu mirimo y'ihinga ry'aho hantu hato, hakabyazwa umusaruro utubutse. Ikindi kandi hakwiye gutezwa imbere indi mirimo itari iy'ubuhinzi kugirango ishobore guha akazi abakabuze mu buhinzi. Ibigo byo kwigisha imyuga iciriritse byashyizweho na MIJESCAFOP ntibihagije kandi ibikorwa remezo ntibikwiranye n'inyigisho zigomba kuhatangirwa; ibindi nabyo birashaje cyane bikenewe gusanwa.

### b) Intego

- Guteza imbere amahugurwa ku myuga iciriritse hakurikijwe ibikorwa bishoboka muri buri karere
- Gutanga inyigisho z'ibanze k'urubyiruko rwose rutarangije amashuri n'urutarashoboye kwiga.
- Kugira abantu bahagije bafite ubushobozi bwo kwita ku rubyiruko mu ngeri zose
- Guteza imbere uburyo bwo kwigisha imyuga iciriritse mu bigo byose by'urubyiruko
- Kwongera umusaruro n'ubushobozi bwo gutanga akazi.

c) **Ingamba**

- Kwongera ingengo y'imari igenewe kwigisha urubyiruko imyuga iciriritse
- Gukangurira abategetsi bari mu karere k'ibigo byigisha urubyiruko kurushaho kubifasha mu mitunganyirize y'imirimo n'imicungire yabyo
- Gushimangira ubufatanye hagati y'ibigo byo mu bihugu n'ibyo hanze byita ku kwigisha imyuga urubyiruko
- Gushyiraho uburyo bwo gutera inkunga yo kuguriza amafaranga
- Kworohereza urubyiruko kubona inguzanyo muri Banki no kubashakira amasoko y'ibikorwa by'ibanze n'ayo gucururizamo umusaruro wabo.

d) **Ibikorwa**

- Gufungura ikigo cyigisha urubyiruko muri buri Perefegitura
- Gukora gahunda yo kwigisha abarimu bazigisha mu bigo by'urubyiruko
- Gusubiramo gahunda zo kwigisha mu bigo by'urubyiruko, zahozeho kera
- Gushyira mu bigo byigisha urubyiruko ibikoresho byo kwigisha n'iby'ikoranabuhanga
- Gusaba no kwongera ibigo by'urubyiruko
- Kwigisha ibyerekeye uburezi, imyuga iciriritse y'ubukorikori n'uko bikorwa hakurikijwe ibikenewe kurusha ibindi
- Kumenya ibikorwa bijyanye na buri karere
- Gukora ubushakashatsi ku ngorane urubyiruko ruhura nazo ku byerekeranye n'umusaruro warwo
- Gukora amahugurwa y'abashinzwe urubyiruko ku byerekeye iteganyabikorwa, imitunganyirize y'imirimo, isuzuma-bikorwa n'imikurikiranire y'imishinga
- Kwubaka iguriro ry'ibikorwa by'urubyiruko muri buri Perefegitura.

**UMWANZURO**

Birumvikana ko kugira ngo Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse ishobore gusohoza inshingano yahawe zo :

- Guhuriza hamwe imbaraga z'urubyiruko zikenewe mu bikorwa by'amajyambere, kurwigisha imyuga iciriritse no kwita ku bikorwa byongera umusaruro
- Guteza imbere ibikorwa bya siporo bigamije kwongera ubuzima bwiza bw'urubyiruko no gushimangira ubwumvikane hagati y'abantu
- Kwita ku gicumbi cy'umuco nyarwanda, kuwuhesha agaciro no kwamamaza ibyiza byose biwukubiyemo, ni ngombwa ko iyo Minisiteri yahabwa amikoro ahagije kugira ngo ibikorwa yateganije gukora bitungane. Gahunda zimwe zihutirwa zirarebana n'ibikorwa bikurikira :
  - Gusana no kwongera ibigo by'urubyiruko byigisha imyuga mu turere twose tw'Igihugu
  - Guhugura abarimu bigisha mu bigo by'urubyiruko, n'abayobozi b'urubyiruko uhereye mu nzego zo hasi kugera ku rwego rw'Igihugu

- Gushyigikira imishinga y'urubyiruko ibyara inyungu igatanga n'akazi
- Gufasha amashyirahamwe ya siporo kwishyiriraho impuzamashyirahamwe mu mikino itarayagira
- Gushyiraho ishuri ryigisha n'iry'ubushakashatsi mu bya siporo
- Kwigisha abakozi b'abahanga mu nzego zose no mu ma siporo yose
- Kwubakisha inzibutso z'itsembabwoko n'itsembatsemba muri za Perefegitura na Komini zose
- Kwigisha no guhugura abakangurambaga ndangamuco
- Gushyiraho Itorero ry'Igihugu
- Gushinga Inteko Nyarwanda y'Umuco

**Ibyo byose byashoboka ari uko mu ngengo y'Imari yaba isanzwe cyangwa iy'ubuzamuragihugu ya buri mwaka, hajya hateganywa amafaranga ahagije yagenewe izo nzego z'imirimo.**

65

A. 1. Secretariat central
isabukuru y'ishyirahamwe
ry'ubucuti bw'abanyarwanda
n'abanya Uganda

1997

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 25
FAX : (250) 8 35 18.

Kigali, ku wa 4 Gashyantare 1997

N° ........../...............

K'uwo bireba wese,

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciciriritse, kubera isabukuru y'Ishyirahamwe ry'ubucuti bw'Abanyarwanda n'Abanya Uganda izabera i KAMPALA ( Uganda) ku wa 8 n'uwa 9 Ugushyingo 1997, asabye ko mwaha uruhusa :

-
-
-
-

wo/bo mw'Itorero INDAHEMUKA ryatumiwe muri iyo sabukuru.

Urwo ruhusa rwatangira ku wa gatatu, tariki ya 5 Ugushyingo rukarangira ku wa kabiri tariki ya 11 y'uku kwezi kugira ngo abakinnyi babashe kwitoza mbere yo kugenda.

Mbaye mbashimiye.

**Dogiteri Yakobo BIHOZAGARA**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

KARANDANA Marc
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle